INYANDIKO ZA GIHANUZI



Icyigisho cya 6 cyo ku wa 7 Ugushyingo 2026



"Ibyanditswe kera byose byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro" (Abaroma 15:4)

Nubwo Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, ntabwo ari Yo yayanditse. Yakoresheje abantu bahumekewe na Yo kugira ngo bayandike.

Ikindi kandi ntiyababwiraga amagambo bagomba kwandika. Ahubwo yababwiraga gusa kwandika ibyo yaberetse, cyangwa ibyo yashyize mu ntekerezo zabo.

Yabahaye umudendezo wo guhitamo amagambo yo gukoresha, imyandikire, n'ibindi byinshi byafasha mu gutanga ubutumwa bw'Imana.





Inyandiko za gihanuzi:

- Zandikiwe he kandi kuki?
- Imyandikire yazo yari imeze ite?

Gukoresha abafasha kwandika, n'inyandiko zo hanze:

- Kuki hakoreshejwe abafasha mu kwandika?
- Ni izihe nyandiko zo hanze abahanuzi bakoresheje?

Uruhare rwa kimuntu mu butumwa:


- Inenge muri Bibiliya?

INYANDIKO ZA GIHANUZI

ZANDIKIWE HE KANDI KUKI?

"Nuko genda ubyandikire ku gisate imbere yabo, ubyandike no mu gitabo, bibe iby'igihe kizaza kugeza iteka ryose." (Yesaya 30:8)

Mose ni we muntu wa mbere wahumekewe n'Imana kwandika Bibiliya. Ari mu butayu bw'i Midiyani, yanditse Yobu n'Itangiriro. Mu gihe cyo kuva muri Egiputa, yahawe itegeko ryahuranije ryo gushyira mu nyandiko ibyagiye bibabaho (Kuva 17:14).





Abandi bahanuzi bahawe itegeko ryahuranije ryo kwandika igitabo ni Yesaya (Yesaya 30:8), Yeremiya (Yeremiya 36:2), Habakuki (Habakuki 2:2), na Yohana (Ibyahishuwe 1:11).


Abanditsi ba Bibiliya banditse bari mu bihe bitari bimwe:













Imana yatoranyije abantu n'ubutumwa bagombaga kwandika igamije ko nta kintu na kimwe cyatzimira mu byo yashakaga kuduhishurira kugira ngo dukizwe (2 Timoteyo 3:15).


IMYANDIKIRE YAZO YARI IMEZE ITE?


"Inyamibwa mu ndirimbo za Salomo" (Indirimbo 1:1)

Bibiliya yanditswe mu gihe kirenga imyaka 1 500, n'abanditsi barenga 40, ikubiyemo imyandikire myinshi kandi itandukanye. Muri yo harimo :

- Inkuru z'amateka (Itangiriro 37:2)
- Imiryango n'inkomoko (Itangiriro 5:1)
- Ubuhanuzi (Yesaya 13:1:1)
- Amayerekwa y'iby'imperuka (Ibyahishuwe 12:1)
- Ibisigo (umugabane munini w'igitabo cya Yesaya)
- Indirimbo (Indirimbo ya Salomo 1:1)
- Isubira-nyito (Yesaya 17:7)
- Imigani (Luka18:1)
- Inzandiko (2 Abatesalonike 3:17)



Bibiliya ntabwo itandukanya ububasha bw'imyandikire. Iyo myandikire yose ni ingirakamaro mu kugaragaza igitekerezo cy'Imana, kuko buri muntu agira imyandikire imufasha kurusha indi.

Petero kandi asobanura neza ko inyandiko z'Isezerano Rishya zifite ububasha nk'ubwo mu Isezerano rya Kera (2 Petero 3:15–16).


GUKORESHA ABAFASHA KWANDIKA, N'INYANDIKO ZO HANZE

KUKI HAKORESHEJWE ABAFASHA MU KWANDIKA?

"Nuko Yeremiya ahamagara Baruki mwene Neriya, Baruki aherako yandika mu muzingo w'igitabo amagambo yose ava mu kanwa ka Yeremiya, ayo Uwiteka yari yamubwiye." (Yeremiya 36:4)



Yeremiya yari umutambyi, bityo akaba yari azi gusoma no kwandika. Ariko, yakoresheje umufasha kwandika (Baruki) kugira ngo yandike ubutumwa Imana yamusabye kwandika (Yeremiya 36:1–4). Nubwo byemewe n'Imana, abo mu gihe cye bo ntibabifashe neza (Yeremiya 43:2–3).



Pawulo, wari umuhanga mu rurimi rw'Ikigiriki, yakoreshaga abamufasha kwandika inzandiko ze (Abaroma 16:22). Kugira ngo hatagira abandi bahimba inzandiko bakazimwitirira, yashyiraga umukono we bwite ku nzandiko banditse (2 Abatesalonike 3:17).



Petero yanditse inzandiko ze mu Kigiriki kinonosoye, ikintu kigoye kuvuga ko uyu murobyi wavugaga mu rurimi rw'Ikinyaramaya ari we waziyandikiye. Gukoresha abafasha kwandika byamufashije gutanga ubutumwa bwe neza mu rurimi atazi cyane. Ariko kuba abafasha barahisemo amagambo agaragaza neza ibitekerezo bya Petero ntibigabanya na gato guhumekwa n'Imana kw'inzandiko ze.

NI IZIHE NYANDIKO ZO HANZE ABAHANUZI BAKORESHEJE?

"Nuko nanjye maze gukurikiranya byose neza mpereye ku bya mbere, nabonye ko ari byiza kubikwandikira uko bikurikirana wowe Tewofilo mwiza rwose" (Luka 1:3)


Ezira, ubwo yandikaga ibitabo by'Ibyo ku Ngoma n'icya Ezira, yakoresheje inyandiko z'amateka kandi yandikura amategeko n'inzandiko by'abami b'Abaperesi. Nehemiya we yashyize mu gitabo cye inyandiko y'ibisekuruza yakuwe mu kindi cyari gisanzweho.





Kubera ko Luka atiboneye ibyabaye yavuze, yanditse ubutumwa bwiza bwe n'igice cy'igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ashingiye ku nyandiko z'amateka n'ibiganiro yagiranye n'ababyiboneye (Luka 1:3).

Pawulo yasubiyemo amagambo ya Epimenide na Arato, abanditsi ba kera b'Abagiriki (Ibyakozwe 17:28; Tito 1:12). Yuda we, yakuye amagambo mu gitabo kitashyizwe muri Bibiliya, kirimo ubuhanuzi bwa Henoki (Yuda 1:14).



Epimenide



Arato

Bose bayobowe na Mwuka Wera mu gukoresha izo nyandiko zo hanze. Basobanukiwe ko basobanuraga ukuri, bityo bakaba baragezaga ku bandi ibyo Imana yashakaga kugaragaza.



Igitabo cya Henoki

URUHARE RWA KIMUNTU MU BUTUMWA

INENGE MURI BIBILIYA?

"Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe." (2 Abakorinto 4:7)

Imana yahisemo gukoresha abantu badatunganye—"inzabya z'ibumba"—kugira ngo batange ubutumwa bwayo (2 Abakorinto 4:7). Ni gute izi nenge zagize ingaruka ku butumwa? Ese Bibiliya ni iyo kwizerwa 100%?

Amagambo ya kera cyane

- Amagambo yo mu Giheburayo, Ikinyaramaya, cyangwa Ikigiriki atumvikana neza icyo asobanura, cyangwa amagambo yakoreshwaga, ubu akaba afite igisobanuro gitandukanye n'icyo mu gihe cy'umuhanuzi
- Ingero: *Gopher* (גֹּפֶר) (Itangiriro 6:14); *Selah* (סֶלָה) (yakoreshejwe muri za zaburi)

Amakosa y'abandikuye

- Mu gihe cyo kwandikura inyandiko, cyangwa kwandika ibyo ari kubwirwa, uwazandikaga ashobora gukora amakosa (ibi byagaragaye cyane mu Isezerano Rishya)
- Ingero: "Agakeregeshwa ko muri Yohana" (1 Yohana 5:7–8). Iki ni igitekerezo cy'uwandikuraga inyandiko, nyuma kikaza gushyirwa mu nyandiko nyir'izina n'undi muntu wayandikuraga

Amakosa yakozwe n'abanditsi ubwabo

- Iyo abanditsi ba Bibiliya bandikaga amagambo avuye mu mutwe, cyangwa bavuga ibyabaye batiboneye n'amaso yabo, bashobora kuba barakoze amakosa mato adafite ingaruka zikomeye
- Ingero: Amagambo Matayo avuga kuri Zakariya (uwishwe na Yowashi), aho amwita "mwene Berekiya" (Berekiya akaba ari we wanditse igitabo cya Zakariya) (Matayo 23:35; reba Luka 11:51; 2 Ngoma 24:22)

Amakosa y'abahinduye Bibiliya mu zindi ndimi

- Abahinduzi ba Bibiliya, cyane cyane abahindura mu ndimi zikoreshwa muri iki gihe, bashobora kugira uruhare mu gushyiramo ibitekerezo byabo bwite
- Ingero: Zimwe mu ngeri z'iki gihe zihindura interuro ivuga "Umunsi w'Umwami" (Ibyahishuwe 1:10) zikayita "Ku Cyumweru," nubwo iri zina ryatangiye gukoreshwa nyuma y'urupfu rw'iyi ntumwa

Utunenge cyangwa kudahuza ni bike cyane kandi muri rusange dushobora gusobanukirwa binyuze mu kwiga byimbitse. Dushobora kwiringira ko ukuri kw'Imana, nk'uko kwanditswe muri Bibiliya, kwagiye gukwirakwizwa mu buryo bwizerwa uko ibinyejana bihaye ibindi.

“Imana yashimishijwe no kumenyesha abatuye isi ukuri kwayo ikoresheje abantu, kandi ibinyujije muri Mwuka wayo Muziranenge, yo ubwayo ibashoboza gukora uwo murimo. Yayoboye ibitekerezo byabo mu gutoranya ibyo bagomba kuvuga no kwandika. Ubwo butunzi bwanyujijwe mu bantu batuye ku isi, ariko bwari buturutse mu ijuru. Nubwo ubwo buhamya bwanyujijwe mu mvugo ya kimuntu idatunganye, ni ubw’Imana; bityo umwana w’Imana uyumvira kandi uyizera abubonamo ikuzo ry’ubushobozi bw’Imana bwuzuye ubuntu n’ukuri.

Mu ijambo ryayo, Imana yahaye abantu ubwenge bakeneye kumenya kubw’agakiza kabo. Bagomba kwemera Ibyanditswe Biziranenge nk’ihishurwa ry’ubushake bwayo rifite ububasha kandi ritarimo kwibeshya.”

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, p. 8

UMUGEREKA: KUTAGIRA INENGE KW'INYANDIKO ZA ELINA G. WHITE

Igihe Imana yategekaga Elina kwandika ubutumwa bwe, yarasubije ati "Sinshobora kwandika." Ariko Imana yamuhaye imbaraga, maze atangira kwandika. Uko igihe cyagiye gihita, yakoresheje abafasha mu kwandika bakosora amakosa yo mu myandikire no kunoza interuro zimwe na zimwe.

Ntibigeze bahindura igisobanuro cy'ubutumwa, kandi ntibigeze bongeramo ikintu icyo ari cyo cyose cyabo bwite. Buri gihe, Elina yongeraga gusuzuma inyandiko za nyuma.



Mariya Ana "Mariyana" Davisi (1847–1904), yarebaga imyandikire. Ifoto tuyikesha "Itsinda ribungabunga inyandiko za Elina G. White."



Sara E. Peke, (mu myaka ya 1880). Ifoto tuyikesha "Ikigo cy'Ubushakashatsi cy'Abadiventisiti."



Ku bijyanye no kutagira inenge kwe nk'umuhanuzi, Elina yaravuze ati: "Ku bijyanye no kutagira inenge, sinigeze mvuga ko ari ko meze. Imana yonyine ni Yo itagira inenge." (*Selected Messages*, vol. 1, p. 42).

Ku bijyanye n'uko ibyo yanditse bidashobora kugira ikosa, we ubwe yanditse ati: "Hari igihe biba ngombwa kuvuga ibintu bisanzwe, gutekereza ku bintu bisanzwe, kwandika inzandiko zisanzwe, no gutanga amakuru yagiye ahererekanywa hagati y'abakozi. Amagambo nk'ayo cyangwa amakuru nk'ayo, ntibiba byatanzwe binyuze mu guhumekerwa kwihariye kwa Mwuka w'Imana (*Selected Messages*, vol. 3, p. 64).

